

INTARA Y'IBURENGERAZUBA

Kuwa 14 mata 2014

AKARERE KA RUBAVU

UMURENGE WA NYAMYUMBA

AKAGARI KA RUBONA

UMUDUGUDU WA KABUYEKERA

Bwana Munyamabanganshigwabikorwa

Umurengi wa NYAMYUMBA

Regule 15/04/2014
Unset
N°classé
A traiter par
Date retour

MARINE REGT
CO'S OFFICE
RECEIVED
DATE 16/04/2014

Theophile
MURATIWA
LI Received on
16 APR 2014

SECRETARIAT CENTRAL
OUR RECEPTION LE
16 AVR 2014

DEU RUBAVU
CO'S OFFICE
RECEIPT. Date 16/04/2014
ENTRY No

IMPAMVU: Gusaba ubuyobozi gufashwa gushakisha umwana

Wanjye.

Muyobozi Munyamabanganshigwabikorwa,

Mbandikiye ngirango nk'ubuyobozi mumfashe gushakisha umwana wanjye w'umukobwa witwa MUREKATETE Anne marie wavutse 1986, mwene GAKURU Alphonse na NYIRABASHAKAMBA Venantie babarizwa Nyamyumba mu kagari ka Rubona umudugudu wa Kabuyekera.

Muyobozi, MUREKATETE Anne Marie ni umukobwa w'imyaka 28, akaba yarimo arangiza amashuri yisumbuye uyu mwaka 2014 muri Congo/Goma mu ishami ry'ikiganga(A1), akaba yarabuze kuya 13 Werurwe 2014 I saa 9h abura ahamagawe kuri telephone, akaba yaraburiye hano mu Rwanda aho yarimo akorera Stage irangiza umwaka kuri posita y'ubuzima ya Gatya akagari ka Kinigi, ibarizwa muri centre y'ubuzima ya Kigufi. twe nk'ababyeyi be tubarizwa I Nyamyumba kuri aderesi twagaragaje haruguru ndetse no kuri No 0786032249 ku izina rya Gakuru Alphonse.

Muyobozi, mugihe dutegereje ubufasha bwanyu, tubashimiye ubufatanye mugire amahoro y'Imana.

GAKURU Alphonse

BIMENYESHEJWE

- ✓- Police posita Brasserie
- ✓- Umuyobozi w'Ingabo Marine
- ✓- Umuyobozi w'akarere ka Rubavu/ Inama y'umutekano
- ✓- Umuyobozi w'ingabo/Akarere
- ✓- Umuyobozi wa Police/Akarere
- ✓- Umuyobozi wa NCS/Rubavu